REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA KAMONYI

B.P. 03 MUHANGA

E-mail: kamonyidistrict@yahoo.fr

IBYEMEZO B Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI N° 47 /07.02/08/CD

IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI YATERANYE KU WA 18 GASHYANTARE 2015

Kuri uyu wa Gatatu tariki **18 Gashyantare 2015** ku biro by'Akarere ka **KAMONYI** guhera saa yine n'iminota icumi **(10H10)** hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Bwana **KARURANGA Emmanuel.** Inama ikaba yatangijwe isengesho.

Umuyobozi w'inama yibukije Abajyanama ingingo ziribusuzumwe n'Inama Njyanama ari zo:

1. **Kwemeza inyandiko isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 20 Ugushyingo 2014**
2. **Raporo y'Amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama**
3. **Raporo y'ibikorwa by'Akarere igihembwe cya II/ 2014 - 2015**
4. **Kwemeza ivugururwa ry'ingengo y'Imari y'Akarere umwaka wa 2014 – 2015 na raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'Akarere igihembwe cya II/2014 – 2015**
5. **Raporo y'umugenzuzi bwite w'Akarere igihembwe cya II/2014 – 2015**
6. **Imiterere y'Imirimo mu karere ka KAMONYI**
7. **Ibindi**

Ku ngingo y'ibindi Abajyanama bemeje ko hiyongeraho:

- **Umwiherero w'Abagize Inama Njyanama**
- **Gushyiraho Akanama gashinzwe gukurikirana imitungo itagira bene yo**

Umuyobozi w'inama yamenyesheje kandi Abajyanama ko ingingo irebana na raporo y'umugenzuzi bwite w'Akarere igihembwe cya **II/2014 – 2015** itaribusuzumwe kubera ko ba Abagenzuzi bwite b'Akarere badahari bari mu gikorwa cy'ubugenzuzi ku bwisungane mu kwivuza cyateguwe n'urwego rw'Igihugu.

Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka **KAMONYI** bamaze kwemeza ingingo ziribusuzumwe uko zikurikirana bafashe ibyemezo bikurikira:

<u>Ingingo ya</u> 1: **Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 20 Ugushyingo 2014**

Abajyanama bamaze kuyikorera ubugorongingo, bemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa **20 Ugushyingo 2014.**

Ingingo ya 2: Raporo y'ibikorwa by'Akarere igihembwe cya II/ 2014 - 2015

Abajyanama bamaze kugezwaho ibikorwa byakozwe n'Akarere igihembwe cya **II/ 2014 – 2015** bashimye ibyagezweho basaba ko ibikorwa biri mu mihigo bigaragara ko itaragerwaho hashyirwamo ingufu kugirango igihe gisigaye izabe yagezweho .

- Ku bijyanye n'igihingwa cy'imyumbati Abajyanama basabye ko hakurikiranwa uko imbuto ihabwa abahinzi ari nziza

- Ku bijyanye n'umuhigo wo kubaka Biogaz ; Nyuma y'impungenge Abajyanama bagaragaje ku myubakire n'imikorere yazo, Abajyanama basabye ko habaho ubuvugizi .

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga raporo y'ibikorwa by'Akarere igihembwe cya II/ 2014 – 2015

Ingingo ya 3: Kwemeza ivugururwa ry'ingengo y'Imari y'Akarere umwaka wa 2014 – 2015 na raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'Akarere igihembwe cya II/2014 – 2015

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka KAMONYI Bwana **BAHIZI Emmanuel** , amaze kugeza ku Bajyanama ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari igihembwe cya II/ 2014 – 2015 bikaba bigaragara ko imaze gushyirwa mu bikorwa ku kigero cya **56.45%** kugera tariki ya **18 Gashyantare 2015** bashimye uburyo yashyizwe mu bikorwa.

Abajyanama bemeje ingengo y'imali ivuguruye y'umwaka wa **2014 – 2015** ingana na **10 573.390.716** ikaba yiyongereyeho **3%.**

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari igihembwe cya II/2014 – 2015 n'ingengo y'imali ivuguruye y'akarere ka KAMONYI umwaka wa 2014 - 2015

Ingingo ya 4: Raporo y'Amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama

Abajyanama bamaze kugezwaho raporo ku bikorwa by'Amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama babishimye bemeza ibi bikurikira:

- Ku bijyanye n'imikorere ya za SACCOS z'Imirenge;; Abajyanama bemeje ko hakomeza gukorwa ubugenzuzi ku mikorere yazo zose;

- Ku bijyanye n'ibikoresho bikoreshwa mu bikorwa bitandukanye biterwa inkunga na VUP; Abajyanama basabye Ubuyobozi bw'Akarere kunoza imikoreshereze n'imicungire yabyo.

- Abajyanama bemeje ko hakorwa ubugenzuzi ku micungire ya VUP mu Mirenge yose

  - Ku birebana na raporo ya Komite Ngezuzi ku birebana n'inyerezwa ry'umutungo wa "Pharmacie" ryakozwe n'Umucungamali wayo Madame **MUKASHYAKA Djamila ,** nyuma y'amakosa yakozwe Abajyanama bafashe ibyemezo bikurikira:

- Ku birebana n'abasinya kuri konti za "Pharmacie" nyuma y'amakosa agaragara bakoze ;hemejwe ko Komite Nyobozi y'Akarere izabandikira ibasaba ibisobanuro aba bakurikira ku makosa bakoze:

  - ✓ Bwana **GAFURUMBA Félix :** Umukozi w'Akarere ushinzwe ubuzima akaba na Perezida w'Inama y'Ubutegetsi ya Pharmacie y'Akarere
  - ✓ Bwana **HABIMANA Télesphore**: Umuyobozi wa Pharmacie

- Naho Umuyobozi w'Inama Njyanama azandikira Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere Bwana **BAHIZI Emmanuel** amusaba ibisobanuro nawe ku makosa yakoze

- Abajyanama bemeje kandi ko Bwana **GAFURUMBA Félix** wari Perezida w'Inama y'ubutegetsi ahagarikwa kuri uyu mwanya.

Ingingo ya 5: Imiterere y'Imirimo mu Karere ka KAMONYI

Kuri iyi ngingo Abajyanama bamaze gusanga nta makuru ahagije bafite; bemeje ko iyi ngingo yimurirwa mu nama idasanzwe y'Inama Njyanama. Abakozi bashyirwaho n'Inama Njyanama hemejwe ko baba bari mu myanya y'akazi by'agateganyo.

Ingingo ya 6: Ibindi

- **Gushyiraho Akanama gashinzwe gukurikirana imitungo itagira bene yo**

Abajyanama bashingiye ku itegeko **N° 28/2004** ryo ku wa **3 /12/2004** bemeje abagize Akanama gashinzwe imitungo itagira bene yo bakurikira:

- ✓ RWIZIHIRWA Innocent
- ✓ MAJYAMBERE Samuel
- ✓ UWAMAHORO Prisca
- ✓ MUREKATETE Marie Goretti
- ✓ UMUHOZA Alexia

- **Umwiherero w'abagize Inama Njyanama y'Akarere**

Abajyanama bemeje ko Biro y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi y'Akarere bazabyigaho bakemeza igihe umwiherero uzabera n'aho uzabera.

Inama yashoje imirimo yayo saa kumi n'iminota makumyabiri **(16H20)**

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga urutonde rw'Abajyanama bafashe icyemezo kuri buri ngingo.

NIKUZE Marie Chantal	**KARURANGA Emmanuel**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama	Umuyobozi w'Inama Njyanama